# Ibi byombi ni ikizira ku gitsinagabo mu bayoboke banjye, ariko biziruriwe igitsinagore muri bo

Hadith yaturutse kwa Ally Ibun Abi Twalib (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yafashe ihariri mu kuboko kwayo kw'imoso, na Zahabu mu kw'indyo, maze ibizamura hejuru iravuga iti: "Ibi byombi ni ikizira ku gitsinagabo mu bayoboke banjye, ariko biziruriwe igitsinagore muri bo."
[Hadithi y'impamo]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yafashe umwambaro w'ihariri cyangwa se igitambaro gikoze muri yo n'ukuboko kwayo kw'imoso, inafata Zahabu ikozemo imitako iyifata n'ukw'indyo irangije iravuga iti: Mu by'ukuri kwambara ihariri na Zahabu ni ikizira ku bagabo, naho ku bagore bo barabyemerewe.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee